CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RIRARIKIRA ABAKIRISITU GUSABIRA ITORWA RYA PAPA MUSHYA

Abepiskopi bagize Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda barasaba Abasaseridoti, Abiyeguriyimana n'Abakirisitu muri Paruwasi zose kwifatanya na Kiliziya y'isi yose, ku buryo bw'umwihariko guhera ku itariki 07 Gicurasi 2025, bagasenga basaba Roho Mutagatifu kugirango amurikire Abakaridinali mu gikorwa bazaba batangiye cyo gutora Umusimbura wa Petero Intumwa. Abapadiri barasabwa gutegura neza aya masengesho, bagafatanya n'abakirisitu gushengerera no kuvuga ishapure biyambaza Umubyeyi Bikira Mariya.

Igihe inkuru y'itorwa rya Papa mushya izatangazwa, muri kiliziya zose bazavuze inzogera zo kugaragaza ibyishimo bya Kiliziya yose, abazabishobora kandi bazahurire mu isengesho ryo gushimira Imana. Turateganya Misa yo gushimira Imana ku rwego rw'Igihugu muri Paruwasi ya Regina Pacis, muri Arikidiyosezi ya Kigali, ku itariki tuzabamenyesha vuba.

Bikorewe i Kigali ku itariki ya 05/05/2025
+**Vincent HAROLIMANA,** Umwepiskopi wa Ruhengeri
na Visi Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda.

+ [signature]

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B P 357 Kigali
Rwanda
PRESIDENT